# Amabwiriza yo guhindura igenamiterere ry'ururimi ukoresha ushakisha ku rubuga

## Google Chrome

1. Kanda agashusho ka meni y'utudomo dutatu (⋮) mu nguni yo hejuru iburyo.
2. Jya kuri **Settings/Amagenamiterere**, noneho ujye ku gice cya **Language/Ururimi**. Ihinanzira ni ukwandika chrome://settings/languages mu mwanya w'ahajya aderesi.
3. Munsi ya "Preferred languages/Indimi ukunda," kanda **Add languages/Kongeraho indimi**.
4. Vivura akazu iruhande rw'ururimi wifuza maze ukande **Kongeraho/Add**.
5. Kand meni y'utudomo dutatu (⋮) iruhande rw'ururimi rushya rwongeweho.
6. Hitamo **Move to the top/Kuzamuka hejuru** kugira ngo rube urusanzweho ku mvuga, cyangwa uhitemo **Display Google Chrome in this language**/**Kugaragaza Google Chrome muri uru rurimi** kugira ngo uhindure ururimi rw'irebero rya mushakisha (Windows gusa).
7. Ongera utangire Chrome kugira ngo wemeze impinduka.

## Mozilla Firefox

1. Kanda agashushondanga ka meni k'uturongo dutatu (⋮) mu nguni yo hejuru iburyo maze uhitemo **Settings/Amagenamiterere**.
2. Mu mwanya "Rusange/General", nyereza umanura ujye ku gice cy'**Ururimi/Language**.
3. Kanda meni yirambura maze uhitemo ururimi rusanzwe ruriho, cyangwa ukande Search for more **languages**/Gushakisha izindi **ndimi...** kugira ngo wongereho urushya.
4. Niba ari ukongeraho ururimi rushya, ruhitemo ku rutonde maze ukande **Add/Kongeraho**, noneho ukande **OK/Yego**.
5. Koresha buto ya **Move Up/Kuzamuka** kugira ngo uzamure ururimi ukunda ruje hejuru ku rutonde.
6. Kanda **Apply and Restart/Kwemeza no Kongera gutangira** kugira ngo ubike impinduka.

## Microsoft Edge

1. Kanda agashushondanga ka meni y'utudomo dutatu (...) mu nguni yo hejuru iburyo maze uhitemo **Settings/Amagenamiterere**.
2. Kanda **Languages/Indimi** uhereye kuri meni y'ibumoso.

3. Kanda **Add Languages/Kongeraho indimi** kugira ngo ushakishe kandi wongereho ururimi wifuza.
4. Kanda meni y'utudomo dutatu (...) iruhande rw'ururimi umaze kongeraho.
5. Hitamo **Move to the top/Kuzamura hejuru** ku mbuga, cyangwa uhitemo **Display Microsoft Edge in this language/Kugaragaza Microsoft Edge muri uru rurimi** maze ukande
6. **Restart/Kongera gufungura** kugira ngo uhindure ururimi rw'irebero.

**Safari (Desktop/Mudasobwa itagendanwa)**

Ururimi rukoreshwa na mushakisha ya Safari rugenzurwa n'igenamiterere rya sisitemu ya macOS yawe, rero kuruhindura birasaba no guhindura ururimi izindi porogaramu zigaragaramo.

1. Kanda **Meni ya Apple** mu nguni yo hejuru ibumoso maze uhitemo **System Settings/Amagenamiterere ya sisitemu** (cyangwa **System Preferences/Ibyo ukunda muri sisitemu** kuri verisiyo za kera za macOS).
2. Kanda **General/Rusange**, maze **Language & Region/Ururimi & Akarere**.
3. Nyereza ururimu ukunda uruzamure hejuru ku rutonde rwa "Preferred Languages/Indimi zikundwa".
4. Emeza izo mpinduka mu mabwiriza agaragara.
5. Ongera utangire mushakisha ya Safari kugira ngo impinduka zikurikizwe.

**Safari (Mobile/Telefone igendanwa)**

Nk'uko bimeze kuru macOS, ururimi muri mushakisha ya Safari kuri iPhone cyangwa iPad na rwo rugenzurwa n'igenamiterere rya sisitemu yose.

1. Jya ku **Settings/Amagenamiterere**, maze **ujye kuri General/Rusange**.
2. Kanda **Language & Region/Ururimi & Akarere.**
3. Nyereza ururimi ukunda ruje hejuru y'urutonde rw'uko **Preferred Languages Order/Indimi zikundwa zikurikirana**.
4. Ongera utangize Safari kugira ngo impinduka zikurikizwe